MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No Special 201 Ukwakira-Ugushyingo 2016



## DELEGASIYO YATURUTSE MURI GUINEYA YASOBANURIWE UKO IHAME RY'UBURINGANIRE RYUBAHIRIZWA MU IHURIRO

*Mu rugendo shuri ruri gukorwa na bamwe mu bagore bagize Inteko Ishinga Amategeko yo mu Gihugu cya Guineya, kuwa 18 Ugushyingo 2016 basuye Ihuriro mu rwego rwo kureba uko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa mu ihuriro no mu Mitwe ya Politiki irigize.*




*Abagize Delegasiyo yo Guineya basobanurirwa imikorere y'Ihuriro*

Mu kubakira, Umuvuguzi w'Ihuriro Madamu KANYANGE Phoebe n'Umuvugizi Wungirije Hon. MWIZA Esperance babashimiye uburyo bahisemo gusura Igihugu cy'u Rwanda, no kuza kwirebera uko Ihuriro rikora mu kubahiriza ihame ry'uburinganire, basaba Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald gusobanura imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'Imitwe ya politiki.



*Umuvuguzi w'Ihuriro Madamu KANYANGE Phoebe (Hagati) n'Umuvugizi Wungirije Hon. MWIZA Esperance n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald*

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro nawe wabanje guha ikaze iyi delegasiyo, yababwiye ko mu bikorwa byose by'Ihuriro, ihame ry'uburinganire ryubahirizwa, haba ku bitabira Inama Rusange aho buri Mutwe wa politiki ugena nibura abagore babiri kuri bane bari mu buyobozi bukuru b'Umutwe wa politiki bagomba kwitabira iyo nama, haba abagize Biro y'Ihuriro aho nibura muri babiri bayigize, umwe agomba kuba ari umugore, haba abagize Komisiyo, haba yewe n'abitabira amahugurwa ategurwa naryo aho nibura ½ cyabo bagomba kuba ari abagore.

Mu bibazo babajije, ku bijyanye n'uburenganzira bw'umugore washaka gukora politiki cyane cyane ari ku ruhande rutavuga rumwe n'ubutegetsi niba atatakaza uburenganzira kuri serivisi zitangwa na Leta harimo no gutakaza akazi nk'uko bigenda mu Gihugu cyabo cya Guineya, basobanuriwe ko amategeko y'u Rwanda asobanura neza uburenganzira bw'umuntu ushaka kujya mu Mutwe wa politiki, yaba umugore yaba umugabo, bababwira ko uretse kujya muri politiki abagore bashishikarizwa kwitabira amatora, yaba ay'Inzego z'Ibanze yaba n'amatora yo ku rwego rw'Igihugu harimo n'aya Perezida wa Repubulika.

Bibaza ku mubare munini uri mu Nteko Ishinga amategeko urenga 60%, kandi itegeko riteganya nibura 30% mu Nzego zose za Leta, Umuvugizi w'Ihuriro yabasobanuriye ko icya mbere gituma ibi bishoboka ari ubushake bwa politiki ariko ko n'Imitwe ya politiki ubwayo igena ku malisiti yayo abagore kandi nabo bagashishikarizwa kwinjira mu Nteko biciye mu Mitwe ya politiki yabo.

Ku bijyanye n'aho Ihuriro rikura ingengo y'imari; Umunyamabanga Nshingwabikorwa yababwiye ko ingengo y'imari ikoreshwa n'Ihuriro iva ku ngengo y'imari ya Leta itangwa nk'inkunga andi agashakwa mu bafatanyabikorwa baryo.

Yakomeje abasobanurira ko Imitwe ya politiki ifite uburenganzira bungana mu Ihuriro, ikaba ihabwa inkunga ingana, mu rwego rwo kongerera ubushobozi abayoboke bayo.



*Hon. Dr. DJENE SARAN Camara waje uyoboye izi ntumwa*

Uyoboye iyi Delegasiyo Hon. Dr. DJENE SARAN Camara, yabwiye abari muri ibi biganiro ko mu Gihugu cyabo, bataragera ku rwego u Rwanda rugezeho cyane mu guteza imbere umugore. Yavuze ko uretse no kuba abenshi mu bagore bo mu Gihugu cye batabashije kwiga, abitabira umwuga wa politiki ari bake cyane kuko akenshi nta bushake bwa politiki buhari burengera umugore wiyemeje gukora umwuga wa politiki kugera n'aho ashobora gutakaza akazi mu gihe yinjiye mu ishyaka; avuga ko aho banyuze hose hano mu Rwanda, haba mu Nzego za Leta haba no mubikorera, bigaragara ko ihame ryo guteza imbere umugore ryubahirizwa.



*Abagize Delegasiyo mu ifoto y'urwibutso*

Iri tsinda ryashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu guteza imbere umugore bashima kandi ko, uretse no bikorwa bya buri munsi by'Ihuriro, Imitwe ya politiki ikora ibishoboka byose ngo yubahirize iri hame, bizeza ko bazaratira iwabo ibyiza basanze mu Rwanda kandi ko bazashishikariza Igihugu cyabo gukora ibyiza u Rwanda rukora cyane cyane hitabwa ku kuvugurura amategeko kugira ngo koko umugore wo mu Gihugu cya Guineya agire ijambo muri politiki no mu bundi buzima bw'Igihugu.

# KOMISIYO YA SENA YA POLITIKI YASHIMYE UKO IHURIRO RUBAHIRIZA AMAHEME REMEZO ATEGANYWA N'ITEGEKO NSHINGA

Ku wa gatatu tariki 23/11/2016, Ihuriro ryakiriye komisiyo ya Sena ya Politiki n'Imiyoborerere Myiza mu rwego rwo kumenya no kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo mu matora ya Referandumu yo mu Ukuboza 2015 no mu matora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze yo muri Gashyantare 2016.



Iri tsinda ryari rigizwe na Hon. Tito RUTAREMARA, Hon. MUKASINE Marie Claire na Hon. KAZARWA Gertrude. Uwari uyoboye iri tsinda Hon. KAZARWA Gertrude, Visi Perezida wa Komisiyo yabwiye abari muri iyi nama ko bifuza kumenya uko Ihuriro ryubahiriza ihame remezo ryo kwimakaza demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye n'uko riha Imitwe ya politiki urubuga n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald, yagaragaje ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urubuga Imitwe ya Politiki ihuriramo ikaganira kuri politiki rusange y'Igihugu, ku bibazo biremereye Igihugu, rikajya inama ku nshingano n'uruhare rwaryo mu kubaka ubwunvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Yakomeje agaragariza abagize iyi komisiyo ko Ihuriro ryemejwe n'Itegeko Nshinga rya Repuburika y'U Rwanga, ryo kuwa 04 kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 59, inshingano zaryo akaba ari ugutuma Imitwe ya politiki ishobora kungurana ibitekerezo no kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Bwana Oswald yabwiye kandi abagize iyi komisiyo ko, mu rwego rwo gukurikirana ibikorwa by'amatora yaba amatora ya Referandumu yo mu Ukuboza 2015, yaba n'Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze yo muri Gashyantare 2016, Ihuriro ryateganyije indorerezi 100 ziturutse mu Mitwe ya Politiki 11 irigize, zikurikirana amatora mu Turere 30 twose tugize Igihugu, aho zageze mu Mirenge irenze 60%. Avuga ko mu Ihuriro hubahirizwa ihame ryo kunganisha Imitwe ya Politiki, iry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore ari nako bigenda mu mirimo yose y'Ihuriro; Imitwe ya Politiki igena umubare ungana ku bayihagararira mu mirimo y'Ihuriro yose kandi nibura 50% akaba ari abagore.

Yabwiye abagize iyi komisiyo na none ya SENA ko Indorerezi z'Ihuriro zashimye uruhare rw'abaturage mu migendekere myiza y'Amatora; haba mu Itora rya Referendumu ndetse no mu Matora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inzego z'ibyiciro byihariye.

Uyu muyobozi yashimye imikorere y'Ihuriro cyane cyane gahunda y'ishuri ry'urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya politiki/YPLA na gahunda y'amahugurwa mu nzego z'abagore; aryizeza ubufatanye no gukomeza kureba izindi gahunda bakorana n'Ihuriro.



Abagize komisiyo ya Sena bashimye ibikorwa Ihuriro rimaze kugeraho n'uburyo ryubahiriza amahame remezo agenga Igihugu cyacu arimo n'iryo guteza imbere ibiganiro hagamijwe ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

# IMITWE YA POLITIKI YAHUGUWE KURI BRIDGE



Ihuriro ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ryateguye amahugurwa ku kubaka ubushobozi muri demokarasi, mu miyoborere no mu matora (Building Resourses in Democracy, Governance and Election/ Bridge); Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yagarutse ku kamaro kayo aho yabwiye abayitabiriye ko ibikorwa byo kwitegura, kwitabira no gukurikirana amatora bisaba ubumenyi haba muri demokarasi, mu miyoborere na mu matora nyir'izina. Ibi yabigarutseho kuri uyu wa gatatu, taliki 16 Ugushyingo 2016, ubwo hasozwaga aya mahugurwa yari amaze iminsi itanu. Bwana Oswald yashimye Imitwe ya politiki igize Ihuriro yohereje intumwa kwitabira aya mahugurwa, anashima abitabiriye kuko nabo berekanye ko azabagirira akamaro akanakagirira Imitwe ya politiki yabatoranije

Yashimye ubufatanye n'imikoranire myiza igaragara hagati y'Ihuriro na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora/NEC, ayishimira ko yatanze abazatanga ibiganiro muri aya mahugurwa
Yashimiye kandi Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere/ UNDP yatanze inkunga muri iki gikorwa, asaba ko iyi nkunga yakomeza kugira ngo Imitwe ya politiki izagire abahanga bahagije bazobereye kuyobora igenamigambi ry'ibikorwa by'amatora.
Prof. KALISA MBANDA, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yabwiye aba banyapolitiki ko nta demokarasi mu gihugu kitagira amatora, nta miyoborere myiza kandi itaganisha ku iterambere ry'abaturage; abasaba ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa bazabukoresha neza mu bikorwa by'Imitwe ya politiki yabo cyane cyane mu gihe cyo gutegura, kwitabira no gukurikirana amatora.

Muri gahunda y'ubufatanye n'inzego zigize gahunda ya DDAG, bwateguye urugendo shuri rwo kureba ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yaya mahugurwa ya Bridge/ a joint field visit.